

JO n° 13 of 7/01/2007

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 30/01 RYO PRESIDENTIAL ORDER N° 30/01 OF ARRETE PRESIDENTIEL N° 30/01 DU
KUWA 29/06/2007 RIGENA UMUBARE 29/06/2007 DETERMINING THE EXACT 29/06/2007 DETERMINANT LE NOMBRE
NYAKURI W'IMYAKA Y'UBUKODE NUMBER OF YEARS OF LAND LEASE EXACT DES ANNÉES DE BAIL DES
BW'UBUTAKA TERRES**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE
INGINGO RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DES
DISPOSITIONS GENERALES**

Ingingo ya mbere: Ibyerekeye icyo Iteka rigamije Article One: Purpose of this Order

Article premier: De l'objet de l'arrêté

Ingingo ya 2: Ibyerekeye ibisobanuro by'amagambo Article 2: Definitions

Article 2: Des définitions

Ingingo ya 3: Ibyerekeye ubutaka burebwa n'iri teka Article 3: Categories of land referred to in this Order

Article 3 : Des catégories des terres concernées dans le présent arrêté

Ingingo ya 4: Ibyerekeye amahame ngenderwaho mu ikodeshwa ry'ubutaka Article 4: Guiding principles for land leasing

Article 4: Des principes directeurs pour la location des terres

Article 5: Ibyerekeye icyo ubutaka bugenewe gukoreshwa Article 5: Designated land uses

Article 5: De la finalité de l'exploitation des terres

UMUTWE WA II: IBYEREKEYE IMYAKA NYAKURI Y'UBUKODE

CHAPTER II: EXACT TERM OF LEASES

CHAPITRE II: DE LA DUREE EXACTE DES CONTRATS DE BAIL

Ingingo ya 6: Ibyerekeye imyaka nyakuri Article 6: Term of lease on individual land

Article 6: De la durée du contrat de bail des

y'ubukode ku butaka bw'abantu ku giti cyabo

terres individuelles

Ingingo ya 7: Ibyerekeye imyaka nyakuri y'ubukode ku butaka buri mu mutungo bwite wa Leta

Article 7: Exact lease term on Private State Land

Article 7: De la durée exacte du contrat de bail des terres du domaine privé de l'Etat

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 8: Ibyerekeye agaciro ku burenganzira bwari busanzwe ku butaka bw'abantu ku giti cyabo

Article 8: Validity of existing statutory rights on individual lands

Article 8: De la validité des droits existants sur les terres individuelles

Ingingo ya 9: Ibyerekeye ihindurwa ry'ubukode bwari bwaratanzwe ku butaka bwite bwa Leta, ubw'Uturere n'Umujyi wa Kigali

Article 9: Conversion of rights previously granted on private state, Kigali City and District land

Article 9: De la conversion des droits octroyés sur le domaine privé foncier de l'Etat, de la Ville de Kigali et des Districts

Ingingo ya 10: Ibyerekeye ubukode bwatanzwe

Article 10: Leases granted on land

Article 10: Des contrats de bail antérieurement accordés

Ingingo ya 11: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 11: Authorities responsible for implementation of this Order

Article 11: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 12: Kuvanwaho kw'ingingo zinyuranye n'iri teka

Article 12: Repealing of inconsistent provisions

Article 12: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 13: Igihe Iteka ritangirira gukurikizwa

Article 13: Coming into force

Article 13: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N° 30/01 RYO PRESIDENTIAL ORDER N° 30/01 OF ARRETE PRESIDENTIEL N° 30/01 DU KUWA 29/06/2007 RIGENA UMUBARE 29/06/2007 DETERMINING THE EXACT 29/06/2007 DETERMINANT LE NOMBRE NYAKURI W'IMYAKA Y'UBUKODE NUMBER OF YEARS OF LAND LEASE EXACT DES ANNÉES DE BAIL DES BW'UBUTAKA TERRES

**Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika,**

**We, KAGAME Paul,
President of the Republic,**

**Nous, KAGAME Paul,
Président de la République,**

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo: iya 30, iya 31, iya 112, iya 113 n' iya 201 ;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in Articles 30, 31, 112, 113 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 30, 31, 112, 113 et 201;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n°8/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo zaryo: iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 11, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18 n' iya 24;

Given Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda especially in Articles 3, 4, 5, 6, 11, 14, 15, 16, 17, 18 and 24;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6, 11, 14, 15, 16, 17, 18 et 24;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 11, iya 12 n' iya 13;

Given Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda especially in Articles 8, 9, 11, 12 and 13;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda spécialement en ses articles 8, 9, 11, 12 et 13 ;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine ;

On proposal by the Minister of Lands, Environment, Forestry, Water and Mines;

Sur demande du Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/04/2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza; **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :** After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 25/04/2005; **HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:** Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, dans sa séance du 24/05/2005 ; **AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DES DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibyerekeye icyo iteka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: De l'objet de l'Arrêté

Iri teka rigena umubare nyakuri w'imyaka y'ubukode bw'ubutaka hakurikijwe amatsinda yabwo n'icyo bugenewe gukoreshwa .

This Order determines the exact number of years of land leases in accordance with land categories and designated uses.

Le présent arrêté détermine le nombre exact des années de bail des terres suivant leurs catégories et la finalité de leur exploitation.

Ingingo ya 2: Ibyerekeye ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Des définitions

- **Amatsinda y'ubutaka:** ni uko ubutaka bw'Igihugu bugabanijwemo hakurikijwe ababucunga n'ababukoresha, haba inzego za Leta cyangwa abantu ku giti cyabo, kandi hubahirijwe ububasha izo nzego zihabwa nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda mu Mutwe waryo wa II.

- **Categories of land:** This is land classification in accordance with land managers and users that include government organs and individuals in respect to their competence as provided for in Chapter II of the Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda.

- **Catégories des terres:** c'est une classification des terres selon les gestionnaires et les utilisateurs des terres, que ce soient les organes de l'Etat et les particuliers, en rapport avec leurs compétences comme prévu par le Chapitre II de la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda.

- **Ahantu hahehereye:** ni ahantu hagizwe n'imibande, ibibaya n'ibishanga.

- **Wetlands:** Places made up of valleys, plain lands and swamps.

- **Zones humides:** ce sont des terrains formés par des vallées, des plaines et de marécages.

- **Itegeko Ngenga:** ni Itegeko Ngenga n°8/2005

- **Organic Law:** is the Organic Law n°

- **Loi Organique :** désigne la Loi

ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant
n'anicungire y'ubutaka mu Rwanda. management of land in Rwanda. régime foncier au Rwanda

Ingingo ya 3: Ibyerekeye ibyiciro by'ubutaka burebwa n'iri Teka

Article 3: Categories of land referred to in this Order

Article 3: Des catégories des terres concernées dans le présent arrêté

Ubutaka buvugwa muri iri teka ni ubu bukurikira

Land categories referred to in this Order are:

Les catégories des terres concernées dans le présent arrêté sont :

1° Ubutaka bwite bwa Leta;

1° Private State Land

1° Les terres du domaine privé de l'Etat ;

2° Ubutaka bwite bw'Umujyi wa Kigali n'ubw'Akarere;

2° Private Kigali City and Private District land;

2° Les terres du domaine privé de la Ville de Kigali et du District ;

3° Ubutaka bw'abantu ku giti cyabo.

3° Individual land.

3° Les terres individuelles.

Ingingo ya 4: Ibyerekeye amahame ngenderwaho mu ikodeshwa ry'ubutaka

Article 4: Guiding principles for land leasing

Article 4: Des principes directeurs pour la location des terres

1° Igihe cy'ubukode bw'ubutaka kiri hagati y'imyaka itatu (3) na mirongo icyenda n'icyenda (99).

1° The period of land lease shall be between three (3) and ninety nine (99) years.

1° La période du bail des terres est comprise entre trois (3) et quatre-vingt-dix-neuf (99) ans.

2° Umubare nyakuri w'imyaka y'ubukode ugenwa hakurikijwe icyo ubwo butaka bugenewe gukoreshwa n'amatsinda y'ubutaka nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 n'ya 5 z'iri Teka.

2° The exact number of years of land lease shall be determined by the category of land and the designated land use as provided for in Articles 3 and 5 of this Order.

2° Le nombre exact des années de bail des terres est déterminé suivant la catégorie des terres et la finalité de leur exploitation tel que prévu par les articles 3 et 5 du présent arrêté.

3° Ubutaka ubwo aribwo bwose bushobora guhindurirwa itsinda hakurikijwe amategeko abigenga.

3° All land can change category from one to another in accordance with relevant laws.

3° Chaque terre peut changer de catégorie conformément à la législation applicable en la matière.

4° Ubutaka bwite bwa Leta, ubw'Umujyi wa

4° Any Private State Land, Private Kigali City

4° Une terre en location tant du domaine

Kigali n'ubw'Akarere n'ubw'abantu ku giti cyabo bukodeshejwe mu gihe icyo ari cyo cyose bugomba kuba bwanditswe n'Umubitsi cyangwa Ababitsi b'Impapururompamo z'Ubutaka bungirije.

land and Private District land and individual land that is leased for whatever term, shall be registered by the Registrar or Deputy Registrars of Land Titles.

privé de l'Etat, de la ville de Kigali, du District que des particuliers pour quelque durée que ce soit, doit être enregistrée par le Conservateur ou les Conservateurs Adjoints des Titres Fonciers.

5° Umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi utunze ubutaka mu buryo bw'ubukode bw'igihe icyo ari cyo cyose, iyo abukoresheje neza hakurijwe amasezerano y'ubukode ndetse n'amabwiriza y'imikoreshereze y'ubutaka, imyaka y'ubukode bwe igomba kongerwaho igihe kingana n'icyo yari asanganywe.

5° Provided that the lessee, being a legal or natural person, occupied and used the leased land broadly in accordance with the terms and conditions of land lease and all other Laws applicable to exploitation and management of the land, the term of lease shall be renewed for a further similar period.

5° Pour autant que le locataire, personne physique ou morale, détenteur des terres pour une période déterminée ait utilisé ces terres conformément aux termes et conditions du bail et aux instructions relatives à la gestion des terres, la durée de bail sera prolongée pour la même période.

6° Ubutaka buri mu mutungo rusange wa Leta, uw'Umujyi wa Kigali n'uw'Akarere burebwa n'iri teka iyo bubanje kuvanwa mu mutungo rusange w'izo nzengo bugashyirwa mu mutungo bwite wazo hakurikijwe Ingingo ya 14 y'Itegeko Ngenga.

6° Public domain State Land, Public Kigali City land and Public District land shall be referred to by this Order after being converted to private state land, private Kigali City and private District land respectively in conformity with Article 14 of the Organic Law.

6° Les terres du domaine public de l'Etat, de la Ville de Kigali et du District ne seront concernées par le présent arrêté qu'après désaffectation du domaine public et incorporation au domaine privé de l'Etat, de la Ville de Kigali ou du District conformément à l'article 14 de la Loi Organique.

Ingingo ya 5: Ibyerekeye icyo ubutaka bugenewe gukoreshwa

Ubutaka buvugwa muri iri teka bugenewe gukoreshwa ibi bikurikira:

- 1° guturwaho;
- 2° inganda;
- 3° ubukungu;
- 4° ubucuruzi;
- 5° ubuhinzi ;

Article 5: Designated land uses

Designated land uses referred to in this Order are:

- 1° residential;
- 2° industrial;
- 3° economic;
- 4° commercial;
- 5° agricultural;

Article 5: De la finalité de l'exploitation des terres

Les terres concernées dans le présent Arrêté ont pour destination les œuvres à caractère :

- 1° résidentiel ;
- 2° industriel ;
- 3° économique ;
- 4° commercial ;
- 5° agricole ;

6° ubworozi;
7° amashyamba;
8° ubukerarugendo;
9° Imibereho myiza n’umuco;
10° ubumenyi n’ubushakashatsi
11° ibikorwa biri ku butaka bukomye;
12° uburobyi.

6° animal husbandry;
7° forestry;
8° tourism;
9° social and cultural;
10° science an scientific research;
11° uses in protected land;
12° fishing.

6° d’élevage ;
7° forestier ;
8° touristique ;
9° social et culturel ;
10° science et recherche scientifique ;
11° d’exploitations protégées pour la
conservation de l’environnement ;
12° de pêche.

UMUTWE WA II: IBYEREKEYE IMYAKA NYAKURI Y’UBUKODE

CHAPTER II: EXACT TERM OF LEASES

CHAPITRE II: DE LA DUREE DES CONTRATS DE BAIL

Ingingo ya 6: Ibyerekeye imyaka nyakuri y’ubukode ku butaka bw’abantu ku giti cyabo

Article 6: Exact term of lease on Individual Land

Article 6: De la durée exacte du contrat de bail des terres individuelles

Umubare nyakuri w’imyaka y’ubukode bw’ubutaka bw’abantu ku giti cyabo ni imyaka mirongo cyenda n’icyenda (99).

The exact term of lease on individual land shall be ninety-nine (99) years.

La durée exacte du contrat de bail des terres individuelles est de quatre-vingt-dix-neuf (99) ans.

Ingingo ya 7: Ibyerekeye imyaka nyakuri y’ubukode ku butaka buri mu mutungo bwite wa Leta, uw’Umujyi wa Kigali n’Uw’Akarere

Article 7: Exact term of lease on Private State Land, Private Kigali City and Private District Land

Article 7: De la durée exacte du contrat de bail des terres du domaine privé de l’Etat, de la Ville de Kigali et du District

Imyaka nyakuri y’ubukode ku butaka bwite bwa Leta, ubw’Umujyi wa Kigali n’Ubw’Akarere igenwe mu buryo bukurikira:

The exact term of lease on the following Private State Land, Private Kigali City and Private District Land which shall be granted as follows:

La durée exacte du contrat de bail des terres du domaine privé de l’Etat, de la Ville de Kigali et du District est désignée comme suit :

1° Imyaka mirongo ine n’icyenda (49) ku butaka bugenewe ubuhinzi n’ubworozi, ubugenewe ubukerarugendo cyangwa ubugenewe guterwaho amashyamba;

1° Forty-nine (49) years for land designated for agriculture and animal husbandry, tourism or forestry;

1° Quarante neuf (49) ans pour les terres destinées à l’agriculture et à l’élevage, celles destinées à l’usage touristique ou aux activités forestières ;

2° Imyaka mirongo itatu (30) ku butaka bwite bw'Akarere bugenewe kubakwaho inganda, inyubako z'ubukungu n'ubucuruzi, iz'imibereho myiza y'abatwaga cyangwa iz'umuco n'izubumenyi;

2° Thirty (30) years for private District Land designated for industrial, economic and commercial, social or cultural and scientific services;

2° Trente (30) ans pour les terres du domaine privé des District destinées à l'usage industriel, économique, commercial, social ou culturel et scientifique ;

3° Imyaka makumyabiri (20) ku butaka :

1. bwite bw'Akarere bugenewe inyubako zo guturamo;
2. bugenewe ibikorwa ahantu haherereye

3° Twenty (20) years for :

1. Private District Land designated for residential services;
2. Land designated for activities approved in wetland;

3° Vingt (20) ans sur les terres :

1. Du domaine privé du District destinées à l'usage résidentiel ;
2. destinées aux activités approuvées dans les terrains marécageux ;

4° Imyaka cumi n'itanu (15) ku butaka buriho amazi akorehwa mu burobyi bwatangiwe uruhushya ruteganywa mu ngingo ya 9 y'Itegeko Ngenga rigena uburyo bwo kurengera no kubungabunga ibidukikije.

4° Fifteen (15) years for lease over waterways for fishing purposes subject to license under article 9 of the Organic law determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda .

4° Quinze (15) ans pour le bail des terres destinées aux activités de pêche aux termes d'une autorisation sous l'article 9 de la Loi Organique portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda.

Umuntu utunze ubutaka buvugwa mu gace ka 2° n'aka 3° tw'iyi ngingo ashobora guhabwa impapurompamo z'ubutaka zibumwegurira burundu atagombye gutegereza ko igihe cy'ubukode kirangira, iyo abisabye kandi akaba yujuje ibiteganywa n'amategeko yerekeranye n'iyandikisha ry'ubutaka;

Any person who owns a land stipulated in subparagraph 2° and 3° of this Article shall be entitled to full ownership title upon request and fulfillment of the conditions provided for by provisions related to land registration, without waiting elapse of the lease period.

Celui qui détient la terre stipulée dans les points 2 et 3 du présent Arrêté peut acquérir le certificat d'enregistrement sans attendre l'expiration du bail, lorsqu'il en fait la demande et qu'il remplit les conditions prévues par les procédures relatives à l'enregistrement foncier.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 8: Ibyerekeye agaciro ku burenganzira bwari busanzwe ku butaka bw'abantu ku giti cyabo

Article 8: Validity of existing statutory rights on individual lands

Article 8: De la validité des droits existants sur les terres individuelles

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 7 y'Itegeko Ngenga rigena, uburenganzira ku butaka abantu basanganywe ku buryo bwemewe n'amategeko mbere y'uko Itegeko Ngenga rivugwa muri iyi ngingo n'iri Teka ritangira gukurikizwa bukomeza kugira agaciro.

In accordance with Article 7 of the Organic Law, all existing rights and interests in land granted under statutory law prior to the coming into force of the above-mentioned Organic Law and this Order are protected and continue to be valid.

Conformément aux dispositions de l'article 7 de la Loi Organique, tous les droits sur les terres individuelles qui existaient, conformément aux lois et règlements, avant l'entrée en vigueur de la loi organique précitée et du présent arrêté demeurent valides.

Ingingo ya 9: Ibyerekeye ihindurwa ry'ubukode bwari bwaratanzwe ku butaka bwite bwa Leta, ubw'Uturere n'Umujyi wa Kigali

Article 9: Conversion of rights previously granted on private state, Private Kigali City and Private District land

Article 9: De la conversion des droits octroyés sur le domaine privé foncier de l'Etat, des District et de la Ville de Kigali

Ubukode bw'ubutaka bwa Leta, ubw'Umujyi wa Kigali n'ubw'Akarere bwari bwaratanzwe hakurikijwe amategeko buzahindurwa buhabwe imyaka y'ubukode hakurikijwe amatsinda yabwo n'icyo bwagenewe gukoreshwa nk'uko biteganywa n'iri teka.

The period of leases of private state, private Kigali City and private District Land previously granted under statutory Law will be reviewed and shall be converted according to land categories and designated land uses as set out in this Order.

La durée des contrats octroyés sur le domaine privé foncier de l'Etat, de la Ville de Kigali et de District aux termes de la législation antérieure est revue et convertie selon les catégories des terres et la finalité de l'exploitation des terres conformément aux dispositions du présent arrêté.

Ingingo ya 10: Ibyerekeye ubukode bwatanzwe

Article 10 : Leases granted on land

Article 10: Des contrats de bail antérieurement accordés

Abantu bose bagiranye amasezerano y'ubukode

All land leases previously granted by the State,

Tous les contrats de bail antérieurement conclus

bw'ubutaka na Leta, n'Umujyi wa Kigali n'Uturere bahawe igihe cy'imyaka itatu (3) kugira ngo imyaka y'ubukode bahawe ihuzwe n'ibiteganijwe n'iri teka.

Ingingo ya 11 : Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutaka n'Ibidukikije muri Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 12: Kuvanwaho kw'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije n'ariyo zivanyweho.

Ingingo ya 13 Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangirira gukurikizwa ku munsu ritangirijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 29/06/2007

the Kigali City and Districts shall be harmonised with provisions of this Order within a period of three (3) years.

Article 11 : Authorities responsible of implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Lands, Environment, Forestry, Water and Mines, the Minister of Local Government, Good Governance, Community Development and Social Affairs, the Minister of Infrastructure, the Minister of Agriculture and Animal Resources and the Minister of State in Charge of Lands and Environment in the Ministry of Lands, Environment, Forestry, Water and Mines.

Article 12: Repealing of contrary provisions

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 13: Coming into force

This Order shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/06/2007

avec l'Etat, la Ville de Kigali et les Districts devront être harmonisés avec les dispositions du présent Arrêté endéans trois (3) ans.

Article 11 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines, le Ministre de l'Administration Locale, de la Bonne Gouvernance, du Développement Communautaire et des Affaires Sociales, le Ministre des Infrastructures, le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales et le Secrétaire d'Etat chargé des Terres et de l'Environnement au Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines

Article 12 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions des arrêtés antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.

Article 13: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/06/2007

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w’Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w’Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba,
Amazi na Mine
BAZIVAMO Christophe
(sé)

The Minister of Lands, Environment, Forestry,
Water and Mines
BAZIVAMO Christophe
(sé)

Le Ministre des Terres, de l’Environnement,
des Forêts, de l’Eau et des Mines
BAZIVAMO Christophe
(sé)

Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu, Imiyoborere
Myiza, Amajyambere Rusange n’Imibereho
Myiza y’Abaturage
MUSONI Protais
(sé)

The Minister of Local Government, Good
Governance, Community Development and
Social Affairs
MUSONI Protais
(sé)

Le Ministre de l’Administration Locale, de la
Bonne Gouvernance, du Développement
Communautaire et des Affaires Sociales
MUSONI Protais
(sé)

Minisitiri w’Ibikorwa Remezo
KAMANZI Stanislas
(sé)

The Minister of Infrastructure
KAMANZI Stanislas
(sé)

Le Ministre des Infrastructures
KAMANZI Stanislas
(sé)

Minisitiri w’Ubuhinzi n’Ubworozi
MUREKEZI Anastase
(sé)

The Minister of Agriculture and Animal
Resources
MUREKEZI Anastase
(sé)

Le Ministre de l’Agriculture et des Ressources
Animales
MUREKEZI Anastase
(sé)

Umunyamabanga wa Leta ushinze Ubutaka
n’Ibidukikije muri Minisiteri y’Ubutaka,
Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine

The Minister of State in Charge of Lands and
Environment in the Ministry of Lands,
Environment, Forestry, Water and Mines

Le Secrétaire d’Etat chargé des Terres et de
l’Environnement au Ministre des Terres, de
l’Environnement, des Forêts, de l’Eau et des

HAJABAKIGA Patricia
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:
Minisitiri w'Ubutabera
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

HAJABAKIGA Patricia
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the
Republic:
The Minister of Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

Mines
HAJABAKIGA Patricia
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République:
Le Ministre de la Justice
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)